

IGITABO CY'IBYISHIMO MUTAGATIFU CECILIA



UBUTUMWA BWAKIRIWE NA Sr MARCIANE

11 MATA 2023



COPYRIGHT 2023 MONAKI
Tous droits réservés.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Ingingo zigize igitabo cy'ibyishimo

MUTAGATIFU CECILIA : IGITABO CY'IBYISHIMO.....	2
INTANGIRO	2
1. INGANZO Y'IBYISHIMO BY'AB'IJURU NI IMWE ARIKO IKIGARAGAZA MU BURYO BUNYURANYE MU BUGABYI BWA DATA	12
2. KUBAHO MU BYISHIMO NO KUBA IBYISHIMO BIRINDA IMITEGO IKOMEYE Y'UMWANZI.....	23
3. AKAMARO K'IBYISHIMO MU GUHEKA INGABIRE NO KUZIKORESHA NEZA	30
4. IBYISHIMO NYAKURI BY'IJURU NTIBIMARWA N'IBIGERAGEZO N'IBITOTEZO.....	36
5. MUNTU NTIYAREMEWE KUBABARA AHUBWO YAREMEWE IBYISHIMO BIHORAHO ITEKA RYOSE	44
UMWANZURO	49



IGITABO CY'IBYISHIMO

MUTAGATIFU CECILIA : IGITABO CY'IBYISHIMO

Tariki 11 Mata 2023

INTANGIRIRO

Ibyishimo ni inganzo ngari y'ab'Ijuru kandi ibyishimo ni imbaraga z'ububengerane ndetse n'imirasire ikomeye ituruka mu Mana Data kuko ibyishimo bigaragaza imbaraga z'ubumana kandi ibyishimo bikagaragaza imbaraga z'umusabano ugaragara mu bana b'Imana kandi ugaragara mu batsinze n'abatagatifujwe kuko ibyishimo ari zo mbaraga Ijuru ryose ribamo kandi ibyishimo bikaba imirasire igaragarizwa abari mu Isi.

Ibyishimo rero ni imbaraga kandi ni ububasha bukomeye umwanzi adashobora guhangara kandi adashobora gushyikira k'ufite ibyishimo bikomoka ku musabano w'Ijuru kandi ibyishimo bikomoka mu mbaraga z'Ijuru kuko ari ingabire Uhoraho atanga kandi ikaba ingabire dusangiza abari mu Isi, bityo tukayisendereza Mwene Muntu kandi tukayisendereza ufite umusabano mu bubasha bw'Ijuru kandi ufite umusabano mu bumenyi ndetse n'Ubuhanga bw'Ijuru.

Ibyishimo rero bikurura ugutsinda kandi ibyishimo bigakurura ubwenge bw'Imana ndetse n'ubuhanga bw'Imana mu muntu wakiriye ibyishimo muri we kandi



IGITABO CY'IBYISHIMO

akakira imbaraga zikomeye zituruka mu kubaho mu musabano n'ljuru kandi mu busabaniramana bwuzuye kandi busendereye kuko iyo ngabire ari ho ikomoka kandi igakurura imirimo ndetse n'ibitangaza byinshi.

Ibyishimo rero aho biri byirukana umwaga kandi bikirukana umwijima w'umwanzi kuko ibyishimo ari urumuri kandi ibyishimo bikaba imirasire ikomeye yo guhinda umwanzi ndetse no kwirukana agahinda n'imibababro bikomoka ku mwanzi.

Ufite ibyishimo iteka ahora asabanye n'ljuru ryose kandi ufite ibyishimo iteka ahora ari izuba rirasira mu bandi kandi akarasira mu bavandimwe be iteka bakamubonamo agasusuruko kandi iteka bakamubonamo imbaraga n'ikimenyetso gikomeye cy'umuremyi wa byose.

Uhoraho rero yahanze byose kandi abihangira urukundo, abihangira mu kubaho mu mahoro ndetse n'ibyishimo kugira ngo buri wese kandi buri kiremwa cyose cyahanzwe n'Uhoraho cyiyumvemo ibyo byishimo, kuko nta kiremwa na kimwe mu byahanzwe kandi nta kiremwa na kimwe Uhoraho atahanganye iyo ngabirano yo gususuruka kandi iyo ngabirano y'ibyishimo kuko ari imbaraga zigaragaza ububasha bw'umuremyi wa byose kandi imbaraga zikuraho inkuta zose z'umwanzi.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Ni imbaraga rero umwanzi yarwanyije kandi ni imbaraga umwanzi arwanya kuko azi icyiza cyo kubaho mu byishimo kandi akaba azi icyiza gituruka mu byishimo ku bemeye kubyakira kandi ku babitunze muri bo kuko bibarinda ibishuko byose by'umwanzi kandi ibyishimo by'Uhoraho bigahora iteka biha umuntu uhora asusurutse kandi aguwe neza mu buzima bwe kuko nta kimutera impagarara kandi nta n'ikimutera intugunda byose urwo rumuri rw'urukundo rushingiye ku byishimo rubihinda kandi rukabikura mu nzira.

Ibyishimo rero ni umuyoboro mwiza wo gukomera kandi ibyishimo ni umuyoboro mwiza wo kubana n'abandi, ni umuyoboro mwiza wo kubana n'Ijuru kandi ni umuyoboro mwiza wo kurushaho kuzamuka kandi wo kurushaho gushyikira ibyiza by'Ijuru no kubituzza mu muntu kuko uwahawe iyo ngabire y'ibyishimo kandi akayakira nk'ingabire yaremanwe kandi agomba gusigasira no kubungabunga iteka akirinda kuyitegeza umwanzi ahubwo iteka agahora azamuka muri ibyo byishimo bimufasha kurumbukirwa kandi bikamufasha kwera imbuto nyinshi zikomoka mu byishimo.

Ibyishimo rero birinda umwanda wa roho kandi ibyishimo bikarinda gusagarira umuvandimwe ndetse n'urwiyenzo rwa hato na hato kuko ufite ibyishimo atanga amahoro



IGITABO CY'IBYISHIMO

kandi ufite ibyishimo akabihaza bose kuko biba ari butunzi bukomeye afite kandi aba ari imbaraga zihinda umwanzi zifuzwa na buri wese mu Isi.

Uhoraho rero yagabye byose kandi agabira Mwene Muntu ibimukwiriye n'iby'ingenzi, ariko iteka Mwene Muntu icyo yagabiwe n'Uhoraho umwanzi akibyaza ikibi, icyari gihagaze aragicurika kugira ngo gite agaciro kacyo kandi gite ubwiza cyagombaga kugira mu maso y'Uhoraho kandi mu maso ya Mwene Muntu.

Ufite rero ibyishimo ahora iteka ahimbawe kandi ahora iteka anezerewe kuko ibyishimo bizana umunezero udashira kandi ibyishimo bigakurura ububasha bwose bw'Ijuru. Ijuru rero ryose ribayeho muri uwo mugenzo w'ibyishimo kandi ribayeho muri ubwo bubasha bw'ibyishimo kuko iteka duhora imbere ya DATA kandi tugahora iteka muri urwo rukundo rw'ibyishimo mu musabano ukomeye, mu ruririmbo rw'abamalayika kandi mu kuramya no gukuza umuremyi wa byose kuko bituruka ku byishimo, guhimbarwa gukomeye kandi guhora iteka mu gitaramo gikomeye giturutse kuri ibyo byishimo.

Udafite rero ibyishimo ahorana amarira kandi ahatari ibyishimo hahora intimba n'agahinda kandi hagahora umubabaro igihe cyose. Niyo mpamvu rero ibyishimo ari



IGITABO CY'IBYISHIMO

imbuto y'urukundo rw'Imana kandi ibyishimo bikaba imirasire y'ububasha bw'Imana kuri Mwene Muntu ndetse no mu nzira imufasha kwitagatifuza no gusabana n'umuremyi wa byose kandi n'ikuzo ry'Imana.

Ibyishimo rero byigaragaza igihe cyose kandi ibyishimo bikigaragaza mu ngeri zitandukanye kuko ari yo mpamvu natwe tudahwema guhora turamya uruhanga rw'Imana kandi tudahwema guhora turangamiye uruhanga rw'Imana kuko ibyishimo ari byo bidutera guhora tubona ko urukundo rw'Imana nta cyaruruta kandi ubwiza bw'Imana nta gishobora kuburuta bityo ibyishimo byacu bigahoraho kandi ntitugire ubwo duhaga ubwo bubengerane bw'Imana, bityo tugahora twizihiza igitaramo kandi tugahora dutaramiye umuremyi wa byose.

Ufite rero ibyishimo akesha igitaramo kandi ufite ibyishimo ahora mu mudabagiro kandi agahora mu munezero udashira. Niyo mpamvu rero abana b'Imana kandi abayobotse Kristu bakamumenya iteka bagomba guhora bahorana umutima wuzuye ibyishimo kandi umutima uhora ususurutse, uguwe neza, wakira bose kandi utuye muri ibyo byiza by'Ijuru kuko ibyishimo bikurura ibyiza by'Ijuru kandi ibyishimo bigakurura ibitangaza bikomeye bigatsinda amarangamutima ya



IGITABO CY'IBYISHIMO

Mwene Muntu aturuka ku bwikunde kandi aturuka mu kwirebaho no guhutaza abandi.

Niyo mpamvu rero ufite ibyishimo bikomoka ku Mana kandi ibyishimo byuzuye ububasha bw'Imana agabirwa n'Uhoraho uwo nguwo ibyo byishimo bye bigirira abandi akamaro ntibigire uwo bihutaza, ntibigire uwo bibera igisitaza kandi ntibigire uwo byagusha kuko ari ibyishimo bikomoka ku mutima kandi bikaba ibyishimo by'imvamutima.

Hari ukwishimisha rero kw'abantu kandi hari ugufata ibyishimo uko bitari bityo ibyo ngibyo bigakurura intonganya kandi bigakurura imbaraga z'umwanzi mu makimbirane kandi umwanzi akabitegeramo akabifatiramo, niyo mpamvu uwahawe ibyishimo by'Ijuru ahora iteka mu mutima we hasusurutse haka nk'izuba kandi ibyishimo afite akamenya igihe cyo kubisakaza kandi akamenya igihe cyo kubisangiza abandi ntacyo yishe nta n'icyo abangamiye kuko ibyishimo aba afite nta wushobora kubigeraho ngo abimuvutse kandi nta n'imbaraga zishobora kubitesha agaciro.

Akaba ari yo mpamvu rero ibyishimo by'Ijuru kandi ibyishimo by'ububasha bw'Imana isumba byose bidashobora gushyikirwa na Mwene muntu uwo ari we wese ngo abishyikire kandi yumve uwo munezero uhora



IGITABO CY'IBYISHIMO

muri Mwene Muntu wahawe iyo ngabire y'ibyishimo kandi wemeye kuyakira muri we.

Ibyishimo rero ni imbaraga zo gutsinda umwanzi kandi ni imbaraga zo gutsinda kwigunga no guheranwa n'akaga ako ari ko kose kuko ufite ibyishimo ahora iteka agaragaza inseko nziza mu bandi kandi agahora akururira abandi imbaga nyamwinshi y'abamalayika iruhande rwe kuko ibyishimo bigendana n'urumuri rwa kimalayika kandi ibyishimo bikagendana n'urumuri koko nk'urwo umwana muto asakaza imbere y'umubyeyi kandi asakaza imbere y'uwamugirira nabi kandi imbere y'ikimwugarije.

Ibyishimo rero ni imbaraga z'abamalayika kandi ibyishimo ni urumuri rukomoka mu bubengerane bw'Imana Data kuko ubifite akabisakaza mu bandi aba akijije roho kandi aba yubatse imitima mu buryo bukomeye. Ibyishimo rero ni imbaraga z'Ijuru kandi ni imbaraga z'ububasha bw'Imana mu guhindura ndetse no mu kugaragaza imbaraga zikomeye z'ibikorwa byubakiye ku gushaka kw'Imana kandi ibyishimo bikaba imbaraga zubakiye mu bushake bukomoka mu gukundira Imana ndetse no kuyiyoboka bityo uwabihawe agahabwa imbaraga zikomeye n'ubusendere nyabwo bwo kubaho mu byishimo kandi kubaho mu mbaraga zikomeye z'ibyiza



IGITABO CY'IBYISHIMO

by'Ijuru bitagira ikibigamburuza kandi bitagira ikibivogera n'ikibitesha agaciro.

Niyo mpamvu rero ibyishimo ari imbaraga zikomeye kandi ibyishimo bikaba ububengerane nyakuri bw'urumuri rw'Imana kandi bikagaragaza ishusho nyakuri y'imibereho y'Ijuru ryose kandi imibereho y'imbaraga z'ububasha bw'Imana mu bantu ndetse n'urukundo rwayo rukomeye igaragariza abayikunda n'abayitinya.

Ibyishimo rero ni izo mbaraga z'ububasha bw'Imana kandi ni izo mbaraga zitagamburuzwa n'umwanzi ziba ziri ku mutima w'uwayobotse Imana kandi wakiriye ingabire y'ubusabaniramana muri we kuko ahorana ibyishimo kabone n'aho nta muntu waba uri iruhande rwe ngo amusetse ariko ububasha bw'Ijuru kandi imbaraga z'abamalayika ndetse n'izacu abatagatifu zitura muri we iteka agahorana ako kanyamuneza kandi iteka agahorana ibyo byishimo n'urugwiro muri we kuko tuba dutuye muri we kandi yaramaze gukorerwa Ijuru rito rituye mu mutima we kandi Ijuru rimukururira ibyishimo rikamusabanyisha igihe cyose bityo umuhingutse imbere akamuha ibyo byishimo kandi akamuha imbaraga zo gutwenga muri urwo rukundo ndetse akamubera umurasire wihuse ugarura uwahabye kandi umurasire wihuse uhumuriza uwari wihebye n'uwari utentebutse



IGITABO CY'IBYISHIMO

kuko ibyishimo bigarura amahoro mu muntu kandi ibyishimo bikagarura icyizere cyo kubaho mu muntu.

Ibyishimo rero ni ububasha bw'imana kandi ni imbaraga zo kunga no kurema guhuza ibyatanye kandi kongera kugarura mu murongo ibyari byataye umurongo. Izo mbaraga rero zose kandi ubwo bubasha bwunga kandi burema bugasubiza umuntu ubuzima bugarura ibyishimo kandi bugakora ibyishimo mu muntu mu buryo busendereye kandi mu buryo bukomeye.

Ni iyo nganzo rero nyakuri y'ibyishimo kandi ni uwo muyoboro nyakuri w'ibyishimo bikomoka ku Mana kuko byigaragaza mu bikorwa kandi bikigaragaza mu mvugo ndetse no mu ndoro y'umuntu ko atunze Imana kandi yifitemo umusabano w'ibyishimo by'ijuru muri we kandi yifitemo koko ubumwe afitanye n'ijuru mu buryo budasanzwe kandi mu buryo bwarenze kamere ya muntu bityo bukinjira muri kamere y'ubumana kandi kamere y'umusabano w'ab'ijuru bose mu muntu.

Ni ubwo bumwe rero umuntu ufite ibyishimo aba afitanye n'ijuru kuko ibyishimo bikomoka ku Mana yo yahanze byose kandi yaremye byose mu rukundo bityo bikayinyura kandi bikayibera koko ibyishimo byo kurushaho kwizahirwa n'ibyo yahanze kandi n'ibyo yaremye byose.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Ni ibyo byishimo rero bikomoka ku byiza Uhoraho aba yakozze kandi ku musabano w'urukundo rw'Imana kuko Uhoraho ari we usabanyisha bose mu byishimo kandi agahuza bose mu byishimo kuko ahari impumuro kandi ahari ububasha bw'Imana harangwa n'ibyishimo amahoro n'urukundo iteka mu bantu.



1. INGANZO Y'IBYISHIMO BY'AB'IJURU NI IMWE ARIKO IKIGARAGAZA MU BURYO BUNYURANYE MU BUGABYI BWA DATA

Habaho uburyo bwo kwizihirwa mu b'ljuru kandi hakabaho uburyo bwo kwizihiza Imana Data ndetse kuyitaramira no kuyitura ibyishimo biyikwiriye nk'umuremyi wa byose bityo uwo musabano ukomeye kandi ibyo byishimo by'urwo rwunge rw'indirimo, amajwi, ibisingizo kandi imbaraga zikomeye zinyuranye z'ububasha bugaragarira mu bugabyi bw'Imana igaragarira mu bamalayika bayo ndetse no mu batagatifu bityo izo mbaraga zikigaragaza mu buryo bukomeye bwo gusakaza ndetse no kugabira Mwene Muntu kuri izo mbaraga z'ububengerane bw'ljuru kuko ibyishimo by'ab'ljuru twururuka tukabisakaza mu batuye Isi kandi tukabibasakazamo mu buryo bwo kugira ngo tubasangize ibyiza by'ljuru kuko ijuru ryose ari iry'Uhoraho kandi ibirimo byose bikaba ari iby'Uhoraho kandi umusabano w'ibyiza by'ljuru bikaba bigenewe Mwene Muntu uri mu Isi.

Ni byiza rero kandi ntako bisa gusabana n'ljuru kandi kubana n'ljuru muri ibyo byishimo ndetse no muri urwo ruririmbo rudashira kuko bigaragaza ubumwe Imana



IGITABO CY'IBYISHIMO

ifitanye n'abo yaremye kandi ubumwe ifitanye n'ibiremwa byayo.

Mu Ijuru rero hahoraho igihe cyo kuramya kandi igihe kidahagarara cyo gukuza umuremyi wa byose uhora ibyishimo bimurangwa imbere kandi bimuhundwa kuko Uhoraho ari ibyishimo kandi akabidusakazamo mu kugaragaza ububengerane bwe mu buryo butandukanye kandi mu kudusakazamo ibyishimo bye bityo natwe ibyo byishimo bigahora iteka mu buzima no mu mibereho tubayeho nk'ab'Ijuru.

Ibyo byishimo rero nibyo bigarukira Mwene Muntu mu Isi bityo bigatambuka mu bihe binyuranye kandi mu buryo bunyuranye kuko bamwe bahabwa ibyishimo kandi bagahabwa umusabano w'ibyishimo binyuze mu ndirimbo mu buhanzi bukomeye bw'ibikorwa biturutse mu bubasha bw'Ijuru kandi ibikorwa biturutse mu buhanga bw'Imana isumba byose bityo hakagira abahabwa ingabire y'ikirenga y'ubuhanzi bukomeye busakaza muri bagenzi babo ibyishimo bikomeye kandi bufungurira bagenzi babo urukundo rukomotse kuri ibyo byishimo bityo ufite iyo ngabire y'ubuhanzi kandi ufite iyo ngabirano y'ubuhanzi agahangira bese kandi agahanga ibisigo natwe ab'Ijuru bikatunyura kandi bikatugarukira bikadushimisha mu buryo bukomeye tukifatikanya



IGITABO CY'IBYISHIMO

n'abari muni kandi tukifatikanya n'iyongabirano y'Uhoraho mu kuyishyigikira kandi mu kohereza imirasire y'imbaraga zacu kuko unyujijwemo ubwo buhanzi ababari wenyine tuba turi kumwe na we twamwiyambitse kandi twohereje imbaraga zacu bityo urumuri rwacu rukamumurikira mu bwenge kandi rukamumurikira mu mutima bityo agasohora amagambo y'ibyishimo akomora ku Mana kandi akomora mu bubasha bw'Imana isumba byose bityo ibyo byishimo bikagarukira DATA kandi bikatugarukira twese nk'ab'ljuru.

Niyo mpamvu rero ingabirano y'ibyishimo kandi ingabirano z'ab'ljuru zitagarukira ku bari mu Isi kandi zitanagarukira gusa ku bari mu Ijuru kuko ari umusabano w'urujya n'uruza rw'abari mu Isi ndetse n'abari mu Ijuru bityo hagahoraho uwo musabano kandi hagahoraho ibyo byishimo bidashobora kuriturwa n'umwanzi cyangwa ngo binyeganyezwe n'umwanzi.

Hari abahabwa rero ibyo byishimo mu mitima yabo mu buryo bwo gusohozwa ubutumwa butandukanye kandi mu buryo bwo kwakira Ijuru mu nzira zinyuranye bityo hakabaho umusabano hagafungurwa ibyo byishimo bikomeye yaba k'ubonekerwa kandi yaba k'uhanura kuko hari ibyishimo dushyira muri we bihoraho kandi hakabaho ingabirano y'ibyishimo tumusakazaho kugira



IGITABO CY'IBYISHIMO

ngo iteka ahore muri ibyo byishimo byacu kandi ahore muri izo mbaraga z'ikinyotera cyo guhora arangamiye Ijuru kandi guhora asabanye naryo kuko ijambo ry'Imana kandi ijambo rya DATA ridahwema iteka kudasurutsa kandi iteka rigahora risurutsa ubuzima bwacu nk'abari mu Ijuru bityo tugatera Hozana kandi tugahora turiramyaga kuko aba ari ijambo ry'ubuzima kandi rizana ibyishimo bityo natwe tukaritambutsa ku bari mu Isi kandi tukaribashyitsaho muri ibyo byishimo.

Niyo mpamvu rero hari imbaraga zikomeye ibyishimo bigomba gutambukamo kandi ibyishimo bikagira inzira zihariye bigomba kunyuramo kugira ngo bifashe bese kandi bishyigikire bese kereka aho umwanzi abonye urwaho kandi aho umwanzi abonye inzira akabivuyanga kandi akabiburiza ababigabiwe n'ababihawe ariko Uhoraho abitanga nk'uko yohereza izuba rikarasira Isi yose kandi rikarasira buri gice cyose rigomba kurasiramo mu gihe cyaryo.

Niyo mpamvu rero ibyishimo by'Ijuru byigaragaza mu nzira zinyuranye kandi bikigaragaza mu bubasha bukomeye biba bigomba gutambukamo mu buryo bwo gusukura kandi mu buryo bwo kurema no gusubiza ubuzima Mwene Muntu bimukuraho icyasha cyose



IGITABO CY'IBYISHIMO

cy'umwanzi bimwinjizamo urumuri rubengerana rw'ububasha bw'Imana.

Ibyishimo rero by'ab'Ijuru bitambuka mu mbyino kandi bigatambuka mu bisigo bikomeye bihundwa Ijuru kandi birekurirwa Ijuru kuko ariho tunyuzana naho ibyishimo bikomeye byo kugira ngo Mwene Muntu yiyumvemo ubwo bubasha kandi yiyumvemo ibyo byishimo kuko ibyishimo byacu nk'Ijuru kandi ibyishimo DATA arekura ari ibyamagana imbaraga zose z'umwanzi n'ubwigunge bw'umwanzi bityo hakabaho uburyo bwo kubirekura kugira ngo Mwene Muntu adaheranwa n'imbaraga zikomeye kandi Mwene Muntu adaheranwa n'ububasha bw'umwanzi bityo akanyuzwa mu byishimo bikomeye kandi ibyishimo biziguye bimufasha gutera intambwe kandi bikamufasha kwakira inzira yo guhura n'ububasha bw'Imana kandi inzira yo guhura n'imbaraga z'Imana mu buryo bugaragara kandi mu buryo bufungurirwa buri wese ku mpamvu y'umuyoboro Ijuru riba ryashatse kumunyuzamo kandi ku mpamvu y'urukundo DATA aba ashaka kugira ngo ahuriremo na buri wese kuko Uhoraho afite inzira zo kureshya buri kiremwa kandi afite inzira zo kwiyegeza buri wese mu musabano uhoraho kandi mu byishimo bihoraho bimukomokaho.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Niyo mpamvu rero bamwe bahabwa iyo ngabirano y'ibyishimo mu gucuranga kandi mu gutambira Uhoraho bityo ibyo bikababera urufunguzo rw'ibyishimo byabo bihoraho kandi bikababera imbaraga zo gufasha abandi muri izo ngabire zitandukanye kandi muri ubwo bubasha bwo gukora ibikorwa bikomeye by'ubutwari kandi bifungurira abandi imiyoboro myiza kandi bakabiheramo abandi amahoro kuko buba ari uburyo bwo kubegera kandi aba ari uburyo bwo kubafungurira inzira yoroheye buri wese kuko buri kiremwa cyose gifite umuhamagaro wacyo kandi buri kiremwa cyose kikagira inzira yihariye yo kugira ngo imirasire y'ibyishimo ikomoka mu Mana ihure na buri wese kandi ishyike kuri buri wese bityo inzira ikaba imwe kandi bya bikorwa bikuzurizwa mu mutima umwe wa DATA.

Niyo mpamvu rero ntawe ugomba kuvutsa mugenzi we ibyishimo kuko ibyishimo bizanwa n'Uhoraho kandi ibyishimo bigakingurirwa buri wese akaba ari yo mpamvu buri wese aba asabwa gutega amatwi kandi akakira aho ibyishimo Uhoraho yamuvuburiye bituruka kandi akabyakira akabyumva kugira ngo anyurwe nabyo kandi anyurwe n'iyi nzira Uhoraho aba yamuharuriye kandi aba yamuhangiye.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Ibyishimo rero ni imbaraga zikomeye zo gutsinda umwanzi kandi ibyishimo ni ubutwari bukomeye bwo kubaho mu gushaka kw'Imana kandi no kunyura mu nzira Uhoraho ashaka kuko nkatwe nk'Ijuru ibyo byishimo dutuyemo kandi izo mbaraga zabwo nta wugirira ishyari undi kandi nta wureba mugenzi we nabi kuko byose tubibonamo urukundo rw'Imana kandi tugahora iteka twunze ubwo bumwe bwo guhora mu byishimo kandi gutwarwa nabyo iteka tugahora dusabagijwe n'ibyo byishimo.

Niyo mpamvu rero n'abari mu Isi kandi twifuriza buri wese uri mu Isi kugira ngo abashe kwakira izo mbaraga z'ibyishimo kuko ari igihe cyo kugira ngo bitsinde umwaga wose w'umwanzi kandi bitsinde ikibi umwanzi yagaragarije Isi kandi yagaragarije Mwene Muntu kuko Sekibi nawe yahoze muri ibyo byishimo kandi agahora iteka imbere y'uruhanga rw'Imana akaba azi imbaraga n'uburemere kubaho mu byishimo bitera umuremyi wa byose kandi bitera Uhoraho bityo akaba yaragiye yanduzza icyo cyiza kuko azi inkomoko yabyo kandi akaba azi n'ububasha bugenda nacyo bityo icyari icyiza akagihinduramo ikibi kugira ngo Mwene Muntu ateshuke ku nzira kandi ahore iteka yiyumvamo umutima mubi ahore iteka yiyumvamo ko nta mbaraga afite zo kuba mu byishimo ndetse no gushimisha uwamuhanze, ariko ni



IGITABO CY'IBYISHIMO

igihe cyo kugira ngo ibyo byishimo nyakuri byigaragarize Isi yose kandi ibyo byishimo nyakuri bikomoka mu misusire y'Uhoraho bigaragarire ikiremwa muntu kandi bigaragarire Mwene Muntu uri mu Isi abituzwemo abibemo kandi abyumve abinyungutire kuko ari igihe cyo kwihuza n'Isi kandi kwihuza n'Ijuru kugira ngo dusakaze ubwo bubasha kandi dusakaze izo mbaraga mu kiremwa muntu bityo umuhoberano w'ibyishimo bya DATA ugaragarire Isi yose kandi ugaragarire Mwene Muntu kuko hazabaho ibyishimo bisesuye kandi hagafungurwa imbaraga zabyo zose kugira ngo bigaragare inkomoko y'ibyishimo nyakuri by'Uhoraho mu muntu kandi ibyishimo nyakuri mu kiremwa muntu.

Ni igihe rero buri wese azishimira mugenzi we kandi buri wese akishimira umuvandimwe we kuko bahuriye ku rukundo rw'Imana kandi bahuriye kuri iyo soko y'urukundo kandi kuri iyo soko y'ibyishimo kuko Uhoraho ari ibyishimo kandi ntawe yaremeye kubabara ahubwo yaremeye buri wese gutura muri ibyo byishimo kuko ntawe yaremeye gupfa ahubwo yaremeye buri wese kuba mu byishimo kuko yabigaragaje mu mbaraga Yezu Kristu yizuranye kandi mu mbaraga Yezu Kristu yagaragaje agaragaza ko nta rupfu rugenewe ikiremwa muntu kandi nta rupfu rugenewe umuntu ahubwo agomba guhora



IGITABO CY'IBYISHIMO

iteka mu byishimo n'uwamuhanze kandi agahora iteka mu buzima n'uwo abukeshya kandi ubumugabira.

Ibyishimo rero bitanga kwizera kandi ibyishimo bigatanga umutima wiyoroheje, umutima uciye bugufi kandi umutima wirekuye kuri buri kimwe cyose kuko ibyishimo nta ntugunda zibirangwamo ahubwo ibyishimo bihora iteka byifunguriye buri wese kandi bigahora iteka bimeze k'izuba rirashe kandi izuba risakaye hose.

Ni izo mbaraga rero z'ibyishimo kandi ni iyo ngabirano y'ibyishimo Uhoraho yifuriza buri kiremwa muntu kandi ashakamo buri kiremwa muntu kuko byose bigomba kugaruka mu rukundo rwe kandi byose bikagaruka ku isoko ye y'ibyishimo kugira ngo Ijuru ry'Uhoraho kandi n'Isi ye bihore iteka muri iyo byishimo kandi bihore iteka muri uwo musabano udashira kandi umusabano udahagarara kuko aricyo Uhoraho yifuriza Mwene Muntu kandi yamuhangiye.

Sekibi rero yazaniye Mwene Muntu umubabaro kandi imuzanira ukubabazwa gukomeye ariko Uhoraho ni igihe cyo kugira ngo abohore Mwene Muntu amwuzuze ibyishimo kandi amusakazemo imbaraga zigendanye nabyo kugira ngo abibemo kandi abyumve amenye itandukanyirizo ry'umuremyi kandi n'uwavogereye ikiremwa.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Ni igihe rero cyo kugira ngo izo mbaraga zigaragaze kandi zihuze bose zifungure imiyoboro ikomeye kandi zifungure ububasha bukomeye budashobora kongera kunyeganyezwa n'umwanzi kuko buri wese azahumurwa kandi buri wese agahabwa ubwisanzure bwo kwinjira mu byishimo Uhoraho amuteguriye kandi Uhoraho amwifuriza igihe cyose.

Ni igihe rero cy'izo mbaraga kandi ni igihe cy'ubwo bubasha bugomba kwigaragariza Isi kandi bugomba kugaragarira Mwene Muntu kugira ngo akunde uwamuhanze kandi abe mu rukundo rw'Uhoraho mu byishimo ubuzima bwe bwose kandi ubuzima bw'ikiremwa muntu kuko bwandikiwe kandi bwandikishijwe ibyishimo bikomoka mu Mana kuko nta na kimwe kitakomotse mu byishimo kandi nta na kimwe kitakomotse muri urwo rukundo rw'Imana.

Niyo mpamvu rero ari igihe cyo kugira ngo ibyishimo bya Mwene Muntu bigarurwe kandi binyure mu nzira Uhoraho yifuzaga kandi yahangiye koko kunyurwamo n'ibyo byishimo kugirango Mwene Muntu abituzwemo abyumve kandi yumve ubwiza bwabyo kandi yumve ububasha bukomoka mu kubaho mu musabano n'Ijuru kandi mu kubaho mu musabano n'ibyishimo by'Uhoraho



IGITABO CY'IBYISHIMO

we wabihangiye Mwene Muntu kandi akamuhangira guhora iteka mu byishimo amukuriyeho umubabaro.



2. KUBAHO MU BYISHIMO NO KUBA IBYISHIMO BIRINDA IMITEGO IKOMEYE Y'UMWANZI

Ibyishimo ni isoko y'abana b'Imana kandi ibyishimo ni isoko yo kunyurwa no kwakira byose kuko uriho mu byishimo kandi wanyuzwe n'Uhoraho aba koko iteka ari ikimenyetso cy'ubwizere mu bandi kandi ikimenyetso cy'uwashyikiriye byose kuri kuri Uhoraho kandi wabonye ubutunzi buruta ubundi.

Uriho rero mu byishimo kandi ubaho mu byishimo iteka ahora ashize amizero ye muri Uhoraho kandi agahora iteka intambwe ye igana ibyiza by'Uhoraho kandi agahora yumva icyo gushaka kw'Imana kumubwiriza kandi kumushakaho akaba ari cyo kimunyura kandi akaba ari cyo kimwubaka ubuzima bwe bwose.

Imitego rero y'umwanzi myinshi ikomoka kuba umuntu atariho mu byishimo kandi ubwe atemera kuba ibyishimo by'abandi kugira ngo arindwe iyo mitego kandi asimbuke izo mbaraga zikomeye z'umwanzi zimuhiga kandi zimwototera kuko umwanzi iteka afatira umuntu mu kubabara kwe kandi agafatira umuntu mu marangamutima ye bityo akamworeka kandi akamuzutaguzza akamujoyana aho ashatse kandi akamugarura aho ashatse bityo Mwene Muntu akabura



IGITABO CY'IBYISHIMO

ubwinyagamburiro kandi akananirwa kwigobotora izo mbaraga z'umwanzi.

Umubabaro rero w'umuntu kandi ukutanyurwa k'umuntu gukurura ibishuko bikomeye by'umwanzi kandi bigakurura ubugome bukomeye bw'umwanzi kuko utemera ko ari ibyishimo by'abandi yishora mu mubabaro kandi akishora mu bugambanyi akishora mu bugizi bwa nabi kubera ishyari ndetse n'urwango kuko aba atanyuzwe n'uko ari we kandi ashimishwe n'uko abayeho yumve ko aremetse kandi uko yaremwe ibyo bimuhagije kandi byakomotse mu buhanga bwa nyir'ukumuhanga bityo ngo yiyakiremo ibyo byishimo by'uwamuremye kandi yiyakiremo ibyo byishimo by'urukundo rwamukunze maze iteka agahora asonzeye iby'abandi kandi agahora ararikiye iby'abandi niba ari uwiba akiba kandi niba ari ugira nabi ugambana akagambana kuko aba atumva urwo rukundo kandi aba atumva imbaraga z'uko agomba gushyikira no kwakira ibimugenewe kandi no kubaho mu byishimo by'ibyo atunze ngo anyurwe nabyo kandi ashake koko ibyishimo m'ubimugabira kandi m'umwongerera imbaraga zikomeye.

Habaho rero kudohoka k'udafite ibyishimo kandi k'utariho mu byishimo kuko iteka agatima gahora



IGITABO CY'IBYISHIMO

karehareha kandi iteka agatima kagahora kararikiye iy'abandi ntihabeho kunyurwa kandi ntihabeho kwakira imbaraga. Niyo mpamvu kubaho mu byishimo kandi no kuba ibyishimo mu bandi birinda imitego myinshi kandi bigakiza roho nyamwinshi kuko ubayeho mu byishimo kandi uri ibyishimo mu bandi aba yikijije ubwe kandi agakiza n'abo bari kumwe kuko abatwikiriza urwo rukundo rw'ibyishimo kandi akabarinda akaga gakomeye katuruka ku mwanzi.

Ibyishimo rero nyakuri by'isoko y'Uhoraho birinda byinshi kandi bigakumirira byinshi Mwene Muntu igihe cyose abibereye maso kandi igihe yakiriye ibyo byishimo nk'imbaraga zimukingira kandi imbaraga zimurinda kuko anyurwa n'ijambo abwiwe n'Uhoraho kandi akanyurwa na buri kimwe cyose giturutse mu rukundo rw'Imana kuko kimushimisha kandi kikamwubaka kikamurema bityo ibyishimo bye bigahoraho ntihagire ikibicogoza kandi ntihagire ikibisubiza inyuma kuko iteka ahora yizigiye urwo rukundo kandi agahora iteka ahanze ububengerane bw'Uhoraho amaso.

Niyo mpamvu rero ibyishimo birinda akaga gakomeye kandi ibyishimo bikarinda Mwene Muntu gukururirwa mu rupfu kandi kwishyira mu rupfu kuko ibyishimo by'Uhoraho bigira rutangira kandi bikagira aho bigarukira



IGITABO CY'IBYISHIMO

bikagira inzira binyuramo kandi bikagira n'uburyo bigenderamo mu buhanga bw'Uhoraho kandi mu bumenyi bwe aba yasendereje umuntu akamenya igihe cyo kwishima kandi akamenya igihe koko cyo kuba mu byishimo bisesuye kandi ibyishimo bifasha abandi.

Niyo mpamvu rero ibyishimo ari inganzo ikomeye kandi ibyishimo bikaba intwaro ikomeye yo gutsinda umwanzi no gutsinda amaganya ye yose ndetse n'ikibi cye cyose kuko ibyishimo byahaye benshi kuramba kandi ibyishimo bigaha benshi ubuzima buhoraho kandi bikabakingurira koko imibereho mishya muri Uhoraho kuko uwapfuye ku cyaha akandi akihana byose agakura ikibi mu nzira uwo nguwo yinjiza urumuri rw'ibyishimo muri we kandi akinjiza urumuri rwo kwibohora muri we kuko nta kiba kikimuziga nta kiba kikimuhambiriye aba atuye imitwaro yagindaguranaga nayo kandi imitwaro yamugondaga ijosi bityo akirekurira mu maboko y'Imana kandi akemera kwegamira urukundo rw'Imana akakira ibyishimo bisendereye kandi akakira imbaraga zimukomeza zimuhindura zimufasha kubaho mu bundi buzima kandi zimwinjiza mu buzima bushya bw'abana b'Imana kandi ubuzima bw'ibyishimo.

Ibyishimo rero bitanga umunezero udashira kandi ibyishimo bikirukana imbaraga n'umwijima w'umwanzi



IGITABO CY'IBYISHIMO

kuko ibyishimo ari urumuri kandi ibyishimo koko bikaba itara rimurika ibyishimo bikaba imbaraga z'ububasha bw'Imana mu gushyigikira Mwene Muntu kandi mu kumukomeza mu nzira ze za buri muni.

Niyo mpamvu rero kubaho mu byishimo bikingurira imbaga y'abamalayika kandi bigakingurira ibikorwa by'Uhoraho mu muntu bityo akabaho ari Muntu mushya kandi akabaho ari Muntu wizigiye Uhoraho kandi umuntu wambaye ubuzima bushya n'umwambaro mushya.

Kubaho mu byishimo rero birinda akaga k'umwanzi kandi bikarinda Mwene Muntu gukururwa n'umwanzi kuko aba azi igitambamiye ugushaka kw'Imana kandi akaba azi neza icyashimisha Uhoraho umutegetsu we n'icyanyura mugenzi we bari kumwe bityo agahora iteka ari cyo aharanira kandi agahora iteka ari cyo yuzuza kugira ngo yuzuze icyo Uhoraho amwifuriza kandi yuzuze ugushaka kw'Imana mu buzima bwe.

Ibyishimo rero bitanga ubwigenge kandi kubaho mu byishimo bitanga amahoro asesuye kandi bigatanga urukundo ruzira uburyarya kandi urukundo ruzira ubuhemu kuko ufite ibyishimo akorera mu kuri kandi ubayeho mu byishimo agakorera ku mucyo kandi agakorera ku mugaragaro bityo akirinda kuba umwana



IGITABO CY'IBYISHIMO

w'umwijima kandi umwana ugendera mu kibi cy'umwanzi.

Niyo mpamvu rero uwakiriye ibyishimo kandi ubayeho mu byishimo iteka ahora yumva asusurutse kandi agahora iteka yumva yisanzuye hose ameze nka ka gati umuyaga ushyigura kandi umuyaga uhuha kakagenda kuko hose ahasanga ubuzima kandi aho ahagaze hose akahumva umutekano n'umusabano muri Uhoraho kandi umusabano mu b'Ijuru bose. Niyo mpamvu rero ibyishimo ari imbaraga kandi ibyishimo bikaba ubwigenge nyakuri bwa Muntu kandi ubwigenge nyakuri buturuka ku Mana umutegetsu umuremyi n'umugenga wa byose.

Ibyishimo rero ni intandaro yo kubaho kwa Mwene Muntu kandi ni intandaro y'ubuzima bwagutse bwa Mwene Muntu muri Uhoraho kandi ubuzima bwagutse bwa Mwene Muntu mu mibanire ye n'abandi kuko ibyishimo ntaho bikomwa kandi ibyishimo ntihagire ikibisubiza inyuma kuko ibyishimo by'Uhoraho bitazimywa kandi ibyishimo by'Uhoraho bidacecekesha bisabana na bose kandi bigakingurira buri wese uwari ufite umwijima bikamukingurira bityo akabona urumuri kandi akabona gususuruka no kwizihirwa mu rukundo rw'Imana.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Niyo mpamvu rero ibyishimo ari imbaraga z'ububasha bw'Imana kandi ibyishimo bikaba urukundo rukomeye rugaragara mu Mana kandi bikaba koko imbaraga zikiza kandi imbaraga zisubiza ubuzima Mwene Muntu mu buryo bukomeye kandi mu busendere bw'ububasha bukiza kandi bubeshaho bugakuraho ikibi bugahangira Mwene Muntu icyiza kandi bukamushyitsa ku cyiza kiruta ibindi cyubakiye ku rukundo n'ibyishimo bikomoka mu Mana umubyeyi wa bose.

Niyo mpamvu rero ibyishimo ari imbaraga zo gutsinda umwanzi kandi bikaba imbaraga zo guhirika imitego ye yose ikomeye ndetse n'iyoroheje kuko uri mu byishimo nta kimukanga kandi uri mu byishimo nta kimuvogera kuko ibyishimo bimurika kandi bigatanga urumuri n'umucyo uhoraho ku bagana Imana.



3. AKAMARO K'IBYISHIMO MU GUHEKA INGABIRE NO KUZIKORESHA NEZA

Ibyishimo bizana byose kandi ibyishimo bigakurura umusabano ushyitse hagati ya Muntu ndetse n'Ijuru ryose kuko uri mu byishimo arangamira ijuru atuje kandi akarangamira Ijuru koko yuzuye ubugwaneza kandi yuzuye ubwitonzi bukomeye n'ubwicishe bugufi bityo umusabano we n'Ijuru ukarushaho kwiyongera kandi ukarushaho kwihutishwa kuko nta kiba kimuziga kandi nta n'ikiba kimurangaje, aba atuje muri urwo rukundo kandi akaba atuje muri ibyo byishimo kuko aba yirekuriye Imana nk'umubyeyi kandi akirekurira mu biganza by'Ijuru mu buryo bwo kwemera kuyoborwa naryo kandi mu kuryakira mu buzima bwe maze ibyishimo bye bikarushaho kwaka kandi bikarushaho gukwira hose bikabonesha.

Ufite rero ingabire iyo ari yo yose yaba ingabire yo kubyina yaba ingabire yo gucuranga yaba ingabire yo gutamba ndetse no kwizihira umuremyi mu rukundo iyo yose yo afite adafite ibyishimo ngo bisabane kandi ibyishimo bimukururire imbaraga z'umusabano ushyitse icyo gihe ingabire ye ayikoresha nabi kandi akayikoresha atanyuzwe kandi afite ibindi bimurangaje.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Niyo mpamvu ibyishimo bikomeye ku muntu kandi ibyishimo ari ingenzi ku muntu kuko bimurinda gutana kandi bikamurinda gutandukira ngo aje kure y'Imana kuko ibyishimo bisendereye kandi ibyishimo bikomoka mu bubasha bw'Imana ari byo bifungurira umuntu umusabano kandi bigafungurira umuntu umubano nyawo ukomotse kandi ushingiyeye ku rukundo rw'Imana nyakuri.

Niyo mpamvu rero ingabire iyo ari yo yose kandi ingabire yose ikoreye mu byishimo igira umusaruro ushyitse kandi ikarindwa igitotsi icyo ari cyo cyose, kuko ibyishimo icyo bikora ari ukuvubura mu rukundo kandi imirasire y'ibyishimo igashyira mu mirasire y'urukundo bityo bigatanga amahoro kandi bigatanga ubwizere bukomeye.

Ibyishimo rero byose kandi ibyishimo umuntu yagira bitari muri Uhoraho ntacyo biba bimaze kandi ntayo biba bivuze kuko aba ari ukwishimisha gusa nyamara bidafitiye bose urwunguko kandi bidafitiye bose umusaruro. Niyo mpamvu rero ibyishimo nyakuri kandi ibyishimo bifasha umuntu ari ukwemera kuyoborwa n'ububasha bw'Imana kandi akinjizwa muri uwo musabano yirekuye wese nta kizinga na gito kandi akaba yambariye ku rukundo koko bityo ibyishimo bye bigakunda bigasakara kandi ibyishimo bye bigakunda bigaseka bigasakazwa muri bose nk'uko



IGITABO CY'IBYISHIMO

izuba rirasa kandi nk'uko uburabyo mu murima bubumbura bityo bukeza bugatangaza ubwiza bwabwo.

Niyo mpamvu rero n'ufite ibyo byishimo abera abandi impumuro nziza kandi akabera abandi isoko ngari y'urukundo rw'Imana mu kubana neza kandi mu kubiba ibyiza by'ingabire afite byose bigakorerwa mu byishimo kandi bigafasha abandi.

Isi rero ikeneye ibyo byishimo kandi Isi yose ikeneye abahamya bubakiye ku byishimo kandi batubakiye ku marangamutima yabo ndetse n'imyitwarire yabo ya kimuntu kuko ibyishimo uwabyakiriye asiga ubumuntu bwe kandi agasiga amarangamutima ye iteka akumva ko Uhoraho ari we wa mbere kandi urukundo rwe ari rwo rwa mbere amahoro atanga ari yo ya mbere aruta Mwene Muntu kandi aruta ayo Mwene Muntu yamugabira nyamara akayamuvutsa kuko aba adafashe kandi aba adahamye.

Niyo mpamvu rero uwakiriye ibyishimo by'Uhoraho kandi akabitwara nk'ibanga rikomeye ry'umutima we bimufasha kugabirwa kandi bikamufasha kongererwa imbaraga zikomeye zitadohoka kandi zidasubizwa inyuma kuko ibyishimo bifungura byose kandi ibyishimo bikihutisha umusabano w'umuntu n'Uhoraho.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Ufite rero ibyishimo ingabire ye ikora neza kandi ingabire ye igakora uko bikwiriye mu mwanya wayo kandi mu gihe nyacyo kuko iba iherekejwe n'urukundo kandi itwikiriwe n'urukundo bityo bigasasirwa amahoro yose kandi amahoro asendereye y'ububasha bw'Imana maze ibyishimo bikajyamo hagati bikaba imirasire ihuza ya mahoro n'urukundo umuntu yifitemo bityo ingabire imuri imbere ikigaragaza kandi ikitamurura ikakira bose kandi igashyikira bose aboroheje n'abaciye bugufi kandi abakomeye ntitinze kubageraho kuko ibyishimo ntaho bihezwa kandi ibyishimo nta n'umwe utabikeneye mu Isi kuko uri mu byishimo afungurira abandi imbaraga zikomeye kandi akabafungurira ububasha bw'Imana isumba byose.

Ibyishimo rero biherekeza Mwene Muntu neza mu ngabire ye kandi bikamufasha gukora byose abigiriye urukundo rw'Imana kandi abigiriye umusabano afite muri Uhoraho bityo akumva ko ari we akeshya ya ngabire kandi akumva ko agomba guhora iteka ayisasiye kuri ayo mahoro kandi ayoroshe urwo rukundo maze ibyishimo bigatangaza koko icyiza kandi bikabumbura icyiza kiri muri ya ngabire kikagaragara mu byishimo nta n'umwe gihutaje kandi nta n'umwe kibereye impamvu y'urusitariro kandi impamvu yo kugwa kuko byose biba



IGITABO CY'IBYISHIMO

bikozwe mu musabano w'Uhoraho kandi byose bikozwe mu rukundo rw'Imana.

Ibyishimo rero ni urufunguzo rukomeye mu gushyigikira ingabire kandi mu gushyigikirana kwa Mwene Muntu n'undi kuko bifasha kubaho mu budahemuka kandi bigafasha iteka Mwene Muntu guhora yizeye kandi yubashye ijambo ry'Imana aryubahiriza aryumva mu buzima bwe kandi rihindura byose ryubaka imibereho mishya y'ubuzima bwe kandi imibereho mishya y'impano n'ingabire aba yaragabiwe n'Uhoraho kugira ngo zimufashe kuzuzana neza inshingano ze mu Isi kandi kurangiza no gusoza ubutumwa bwe mu mahoro kandi mu rukundo n'ibyishimo uko bibangikanye kandi byuzuzanya mu bihe bya Mwene Muntu kandi mu buzima bwa Mwene Muntu nk'ishingiro ryo kubaho koko mu bwizere bw'ijambo ry'Imana kandi ishingiro ryo kubaho koko mu kwemera ko Imana iri hejuru ya byose kandi ko yahangiye Mwene Muntu ibyishimo ikamuhangira kubaho mu mahoro n' ibyishimo bityo ikamurinda umubabaro wose kandi ikamurinda icyamuhungabanya n'icyamuhutaza imuhangira buri kimwe cyose kigomba kumuzanira ibyishimo kandi kigomba kumutunga maze Uhoraho amushyira hejuru y'ibyaremwe byose kugira ngo abigengane ibyishimo kandi abiyoboreshe urukundo rw'uwamuhanze maze bifashe buri kiremwa cyose kandi



IGITABO CY'IBYISHIMO

bifashe Mwene Muntu koko kumva ko Uhoraho ari ibyishimo kandi ari urukundo mu ngabirano ze kandi akaba ibyishimo mu ngabire agaba kandi atanga uko ashatse kugira ngo zishyigikire Mwene Muntu kandi zubake ubumwe n'urukundo rw'abantu ku bandi.



4. IBYISHIMO NYAKURI BY'IJURU NTIBIMARWA N'IBIGERAGEZO N'IBITOTEZO

Ibyishimo bikomoka ku Ijuru kandi ibyishimo bigabwa n'Ijuru nta na kimwe gishobora kubisimbura kandi nta na kimwe gishobora kubirengera n'aho isuri yaza ari nyinshi ntishobora kubizimiza kandi ntishobora kubitsura ngo ibikure mu nzira kuko aba ari ibyishimo bishingiye kandi byubakiye ku rukundo rw'Imana n'urukundo rwizera byose kandi bikaba ari ibyishimo bibumbye umutima wa muntu ukunda kandi ubayeho muri ibyo byishimo. Niyo mpamvu n'igihe cy'akababaro kandi igihe gikomeye igihe cy'intambara igihe cy'inzara igihe cy'imyivumbagatanyo ikomeye bya byishimo by'Ijuru bidashobora gukurwaho kandi bidashobora kuvanwaho kuko ari ibyishimo by'umutima kandi bikaba ibyishimo bihoraho ku wemeye kubyakira no kubitunga kuko iteka bimubera impamvu yo gutsinda kandi bikamubera impamvu yo kujya mbere buri muni kurushaho.

Ufite rero ibyo byishimo kandi wemeye kubituzwamo no kubyakira ahora iteka abigira intwari imukingira kandi intwari imurwanirira ku rugamba kuko ari byo abanza imbere igihe umubabaro w'Isi uje kandi igihe ibimwugarije bije ari byinshi bityo akabisohokamo akarasa ibyishimo bye kandi akabitangaza nk'urumuri



IGITABO CY'IBYISHIMO

rumukura mu icuraburindi akabona inzira kandi akabona icyerekezo.

Ufite rero ibyo byishimo iteka ahagarara ku Ijambo rya Nyir'ijambo kandi agahagarara ku Ijambo ry'umuremyi maze ntihagire ikimutera ubwoba ntihagire ikimukangarany cyangwa ngo kimusubize inyuma iteka akumva ko Uhoraho ari hejuru ya byose kandi akumva ko Uhoraho ari we ugomba kumutsindira. Ufite ibyishimo rero nta gishobora guhungabanya amahoro ye kandi nta n'igishobora kumuvutsa ibyo byishimo n'urukundo yubakiyeho kuko iteka abigira intwaro ikomeye kandi akabigira ubuzima bwe bwa buri muni.

Kubaho rero mu byishimo ntibisibanganya umubabaro w'umubiri kandi ntibisibanganya akaga umuntu ashobora guhurira nako mu Isi ariko ibyishimo bimubera impamvu yo gukomera kandi ibyishimo atunze bikamubera impamvu yo kwiwunga ndetse n'impamvu yo gutambuka mu mahwa mu mikokwe ndetse n'umuriro bityo agatambuka kandi agakomeza maze yagera hakurya agatarwa n'ibyishimo kandi agasingiza Uhoraho amukuza kuko aba azi ko ari we umushoboje byose kandi ari we umukomeje muri byose akiyumvamo ibyo byishimo amukeshya kandi izo mbaraga zikomeye



IGITABO CY'IBYISHIMO

zikamutera guterura ibisingizo kandi agaterura arata akuza umuremyi wa byose.

Ibyishimo rero ni imbaraga zihoraho kandi ibyishimo ni uburinzi buhora mu mutima wa Mwene Muntu washyikiriye kandi wamenye ko Uhoraho ari igihozo cye kandi akamenya ko Uhoraho ari ingabo imukingira muri byose bityo igiteye cyose akirukira mu rukundo rw'Uhoraho kandi akirukira mu byishimo bye bityo agatuzaga agatekana maze ibyamuhigaga n'ibyamubuzaga amahoro bishaka kumwasamira byose akabirebera ku ruhande kandi akabirebera hirya kuko aba ari mu bwishingizi bw'Uhoraho kandi agakubita agatwenge yizeye ko Uhoraho ari we ugomba kumwambutsa kandi umukijije akaga akamutuzaga mu rukundo.

Ibyishimo rero bishyitsa Mwene Muntu ku bwizere bukomeye kandi ibyishimo bigaha Mwene Muntu gufungura umutima kandi kwizihira uwamuhanze iteka agahora yumva ko ari we akesha ubuzima kandi agahora iteka yumva ko ari we akesha imbaraga gukomera no gutsinda bityo ntihagire ikimubera imbogamizi kandi ntihagire ikimubera urusitariro rwo kugwa kabone n'aho byaba ari ibikomere kandi ari ibyari bimwubarayeho kuko bitamubuza kwishima kandi bitamubuza wa musabano nyakuri wubatse ibyishimo kandi wa musabano nyakuri



IGITABO CY'IBYISHIMO

ugize ibyishimo bya Mwene Muntu n'urukundo rw'Imana.

Ibyishimo rero ntabwo bikuraho imisaraba ahubwo ibyishimo bitanga kwihanganira imisaraba no kuyakira mu buryo busendereye kuko no mu gihe cy'imisaraba ufite ibyishimo kandi waronse ibyishimo bya Yezu Kristu byose mu gihe cy'umugaraba arashima kandi mu gihe cy'umugaraba akishima kuko aba azi ko atari wenyine ahubwo iteka agatera n'abandi gukomera kandi akabereka ibyo byiza by'urukundo yakiriye bityo n'iyi yaba ari mu ntare zasamye kandi mu ntare zikomereye ntabura gutera indirimbo z'ibyishimo kandi ntabura gutambira ndetse no gutaraka abyinira uwamuhanze kandi uwo akesha ako kaga kuko atamutereranye kandi atamugiye kure bityo akiyumvamo ibyo byishimo kandi akiyumvamo izo mbaraga ntagire ubwo adohoka cyangwa ngo yizamuremo uburakari n'umujinya kuko ibyo byose bikomoka ku mwanzi kandi bigakomoka ku bigeragezo byose umwanzi aba yateye Mwene Muntu kandi mu nzitizi aba yashyize imbere ya Mwene Muntu.

Niyo mpamvu rero kwambara ibyishimo birinda kandi bigakomeza ubirimo mu kuguma mu birindiro bye kandi mu kuguma mu rukundo rw'uamuhanze ndetse no kurushaho gusabana nawe ntagire icyo amurutisha kandi



IGITABO CY'IBYISHIMO

ntagire icyo amusimbuza kabone n'aho byaba ari ibikomeye kandi ibyaba ari ibimusatiriye iteka yizera ko uri kumwe nawe kandi uwo ashengereye uwo arangamiye muri we umuha ubuzima kandi umusabanyisha adashobora kumujya kure bityo akaba ari we ashira imbere kandi akaba ari we yereka ibimwugarije kandi n'ibimugose bityo byose bikigizwayo bigatsindwa n'izo mbaraga kandi bigatsindwa n'ubwo bubasha.

Ibyishimo rero ni imbaraga zikomeye zifasha mu bigeragezo kandi ni imbaraga zikomeye zifasha mu guhangana n'imitego y'umwanzi kuyitsinda ndetse ndetse no kuyamagana kuko uri mu byishimo imitego y'umwanzi atayikangwa ahubwo ayitambukamo yemye kandi ikamusiga bityo nawe agakomezanya umurimo we w'ibyishimo kandi agakomezanya ibanga rye ry'ibyishimo mu kurisakaza kandi no mu guhindura abari bamuteze imitego bityo no guca imbaraga umwanzi.

Niyo mpamvu rero ufite ibyishimo anyura muri byinshi kandi ufite ibyishimo akanyura ahakomeye bityo nawe agakomera kandi agakomeza abamuri inyuma abamurangamiye ndetse n'abari biteguye ko ashobora guhungabana bityo bakamenya ibanga agendana kandi bakamenya ibanga ry'urukundo afite mu buzima bwe.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Ibyishimo rero ni intwano ikomeye ku wemera Imana kandi ni intwano ikomeye k'ukunda Imana kandi uyikundira kuko agomba kwigiramo ibyo byishimo kandi agahora iteka abyubatseho adahindagurika kandi adahindura imvugo ndetse adahindura n'indoro arebana uwo akunda kandi uwo yishimiye no mu gihe cy'akaga gakomeye agakomeza kumurebana ya ndoro y'ibyishimo kandi ya ndoro y'urukundo bityo bagasangira byose kandi bagakomezanya byose mu gutsinda ndetse no mu gutambuka ahakomeye bityo intsinzi ikigaragaza kandi ikamenyekana.

Niyo mpamvu rero ibyishimo bizatsinda byose kandi ibyishimo bikaba bigomba guturwa mu bana b'Imana no gutuzwamo kugira ngo bibarinde umwaga w'umwanzi kandi bibarinde ikibi cy'umwanzi kuko ufite ibyishimo atsinda iteka kandi ufite ibyishimo agahorana amahoro adashira kandi agahorana imbaraga muri byose nta kimuvutsa imbaraga kandi nta gituma adandabirana kuko aba ari mu byishimo kandi agahora iteka aganje mu mahoro n'ituze rikomoka mu Mana.

Ibyishimo rero bitsinda imitego y'umwanzi kandi ibyishimo bigatsinda ibigeragezo ndetse n'akaga gakomeye umuntu ashobora kunyuramo kuko ibyishimo bigaragaza abamenye Imana kandi bikagaragaza



IGITABO CY'IBYISHIMO

abemeye Imana by'ukuri kuko nta magorwa n'amwe batambukamo ngo bananirwe gutsinda kandi bananirwe kubona koko ibyishimo bibasusurutsa kandi ibyishimo bibakomeza ari nabyo koko twagiye tunyuramo kandi twagiye twakira bityo no mu gihe gikomeye tugahora twishimye kandi tugataraka no mu bigeragezo hagati maze imbaraga z'Uhoraho zikigaragaza kuko twabaga dutunze ibyishimo bye bityo abamalayika bakaturasira kandi abamalayika bakaza kubana natwe mu bigeragezo kabone n'abanyuze mu itanura ko batahwemye kubigaragariza kandi batahwemye kubaba hafi bityo bakabaha ibyishimo kandi bakabakomereza imbaraga kugira ngo hatabaho kudandabirana kandi hatabaho kuvutswa ibyo byishimo byo kwiringira Imana kuyemera no kuyizera gukomeye.

Niyo mpamvu rero ibyishimo kandi kubaho mu byishimo ari imbaraga zo gutsinda ibigeragezo kandi zikaba imbaraga zo gutambuka mu kaga gakomeye nta gihungabanyije ni no guca mu bigeragezo kandi nyir'ukubikandagiramo kuko aba yubakiwe n'imbaraga zikomeye z'umusabano w'Ijuru kandi ari kumwe koko n'imbaraga z'ububasha bw'abamalayika n'abatagatifu turi mu buzima bwe tugahora tumurimbira kandi tukamuha ibyishimo bikomeye bityo ibindi bihita ku ruhanda kandi ibindi bimwototeye bimwasamiye



IGITABO CY'IBYISHIMO

ntabibone ahubwo akumva amajwi y'ibyishimo kandi akumva amajwi y'ururirimbo rukomeye akaba ari byo arangamira bityo bikaba ari byo bimutwara maze umusabano we ukagumaho kandi umusabano we ukarushaho kwiyongera maze ibiganza bye kandi umutima we ukegamira mu rukundo rw'Imana umutegetsu n'umunyabubasha muri byose ku wemeye kwakira no kwiringira Uhoraho.

Ibyishimo rero ni imbaraga zo gutsinda ibigeragezo kandi ni intwari ikomeye yo gutsinda imitego yose y'umwanzu ndetse no gutambuka mu bikomeye uko byasa kose n'uko byangana kose kuko ibyishimo ari imbaraga z'uwemera Imana kandi ibyishimo bikaba koko urukundo rugaragara mu bikorwa kandi urukundo rugaragara mu kwizera Imana no kuyakira mu buzima bw'umuntu.

Ibyishimo rero nta cyabisimbura ku wemeye Imana kandi ibyishimo nta cyabisimbura ku wemeye gukurikira Imana kuko bimubera imbaraga zo gutsinda kandi imbaraga zo gutambuka ahakomeye no kwinjizwa mu bubasha nyabwo bw'urukundo rw'Imana.



5. MUNTU NTIYAREMEWE KUBABARA AHUBWO YAREMEWE IBYISHIMO BIHORAHO ITEKA RYOSE

Uhoraho yahanze byose kandi ahanga Mwene Muntu amurutishije ibyaremwe byose kandi amurutishije ibinyabubasha byose kugira ngo abeho mu rukundo rw'uwamuhanze kandi abeho mu rukundo rw'uwamuremye muri ibyo byishimo bityo uhoraho amuhangira byose kandi amuremera byose bimuzanira amahoro kandi bimuzanira ibyishimo bimuzanira gutunga kandi bimuzanira gutekana kuko ibyishimo bigaragaza ukunyurwa kandi ibyishimo bikagaragaza urukundo Mwene Muntu n'amahoro yifitemo.

Umwanzi rero ntiyashimishijwe n'uko umuntu yaremewe kuba mu byishimo kandi agomba gukomeza kuba mu byishimo we yivukije kandi yiyambuye bityo na we ashakashaka impamvu zose kandi ashakashaka inzira zose zo kumuteranya n'uwamuhanze kandi n'urukundo rw'Imana n'ibyishimo bihoraho kuko umwanzi iteka arangwa n'ubushyamirane kandi akarangwa no guteranya akarangwa no kuvutsa amahoro aho yari ari kandi kurogoya ndetse no gutesha agaciro ibyishimo aho byari bituye.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Niyo mpamvu yashakiye Mwene Muntu uburyo bwo kubabara kandi akamushakira imbaraga zikomeye zigomba kumubabaza no kumutsikamira kugira ngo atabona ibyishimo by'Uhoraho kandi adahora muri wa musabano yagiranaga n'Imana kandi yagaragarizwaga n'Imana bityo amutera ibikorwa bibi kandi amutera koko kwivumbagatanya amutera kwahura ibitekerezo no kujya kure gucukumbura koko kureba ko Uhoraho atamukunda kandi Uhoraho ko yamukinze byose atamubwije ukuri kandi atamugaragarije ukuri kuri byose bityo bimuviramo impamvu yo kwigumura kandi impamvu yo kohoka kw'ikibi cy'umwanzi maze yiyambura ibyishimo atyo kandi yishyira umuriro atyo yishyira ubugome bukomeye bw'umwanzi muri izo nzira.

Byose byakomotse ku kutanyurwa k'umwanzi kandi no kudashaka kugenda wenyine bityo agahora iteka avutsa abana b'Imana ibyishimo kandi agahora iteka abatera imyivumbagatanyo ikomeye muri bo kugira ngo ahari ibyishimo bisibangane bityo huzure umwaga kandi huzure urugomo n'ikibi icyo ari cyo cyose.

Niyo mpamvu rero Mwene Muntu yikururiye umubabaro kandi yikururira akaga gakomeye ko kwivumbura kandi no kwigomeka ku wamuhanze n'uwamugabiraga kandi wamuhaga ituze n' ibyishimo bihora nta kimuvuna



IGITABO CY'IBYISHIMO

kandi atabuze na kimwe mu byo Uhoraho yagombaga kumugabira kandi yari yaramugeneye.

Niyo mpamvu rero habayeho kugorwa kwa Mwene Muntu kandi habaho kugoka kwe kuko umwanzi ari cyo yamwifurije kandi ari cyo yashatse ariko Uhoraho yahangiye Mwene Muntu ibyishimo kandi amuhangira koko guturana nawe muri ibyo byishimo; akaba rero Uhoraho atari we ureberera ikibi kandi akaba atari we wishimiye ikibi n'akaga Mwene Muntu arimo, akaba ari igihe cyo kugira ngo uwo musabano ukomeze kandi ugumeho kuko abemeye gukurwa mu maboko y'umwanzi kandi bakemera kwitandukanya n'umwanzi ntibigeze basiba kuri ibyo byishimo kandi ntibigeze basiba kuri uwo musabano kabone n'iyi hari kuba mu magorwa akomeye kandi mu kaga gakomeye ntibyabuzaga umusabano w'ibyiza by'Ijuru kandi umusabano n'ibyishimo bikomoka ku Mana umugenga kandi umutegetsu wa byose.

Ni igihe rero cyo kugira ngo ibyo byishimo Mwene Muntu yavukijwe n'umwanzi abisubizwe kandi ibyo yanyazwe n'umwanzi yongere kubihabwa mu rukundo rw'Imana kuko Uhoraho atazibagirwa uwo yahanze kandi atazibagirwa ikiremwa yihangiye agihangiye ibyiza; akaba rero igihe cyo cyose kandi ubuzima bwa Mwene Muntu



IGITABO CY'IBYISHIMO

bugomba kugarurwa mu maboko y'uwaburemye kandi y'uwabuhanze akabubumbabumba bityo akamenya igikenewe kuri Mwene Muntu kandi akamenya igikwiriye kuri Mwene Muntu.

Ni igihe rero cyo kugira ngo izo mbaraga ziyubake mu buzima bwa Mwene Muntu kandi ibyo byishimo bihore bicanye mu buzima bwa Mwene Muntu bimurika bityo yongere kwisanga kandi yongere kumva ko nta rukuta ruriho hagati ye n'Umuremyi we bityo yumve ibyo byishimo kandi bimubere inzira iziguye kandi inzira imugaragarira igihe cyose y'ububengerane n'ubuziranenge bw'Imana mu byishimo yayo.

Uhoraho rero yifuriza buri wese ibyo byishimo kandi ashakira buri wese ibyo byishimo kugira ngo abituzwemo kandi abibemo uko agomba kubibamo bimufashe koko gukunda kandi bimufashe kwakira amahoro yitandukanya n'umwanzi kandi ava ku ngoyi y'umwanzi.

Mwene muntu rero hari aho yananiwe gutsinda kandi ananirwa kwiymbura umwanzi akaba ari gihe cyo kugira ngo ububasha bwacu bwigaragaze kandi ibikorwa byacu bigaragare mu kubohora Mwene Muntu mu kumuha urukundo kandi mu kumufasha mu mbaraga zikomeye z'ububasha bwacu kugira ngo ashyitswe mu byishimo kandi ahabwe ubwo bubengerane bukomeye bwo



IGITABO CY'IBYISHIMO

kwakira ibyishimo no kubituramo uko bikwiriye kandi uko bigomba bityo uwo musabano we uhoreho imbere y'uwamuhanze kandi imbere y'urukundo rw'Imana rwo rusumba byose kandi rugomba gutsinda ikibi cyose umwanzi yashyizemo Mwene Muntu.

Ni igihe rero cy'iyuzuzwa ry'ibyo byiza kandi ni igihe cy'iyuzuzwa cy'ibyo byishimo Mwene Muntu agomba kugira kandi Mwene Muntu agomba kwakira kuko Uhoraho icyo amwifuriza kigomba kuzuzwa no kugerwaho muri ubwo bubasha bukomeye bukigarariza Isi yose kandi bukagararira Mwene Muntu mu buryo bw'agatangaza.

Uhoraho rero ntiyibagirwa na kimwe mu byo agomba gukorera Mwene Muntu kandi ntiyibagirwa na kimwe mu byo agomba kugabira Mwene Muntu akaba ari yo mpamvu ibyo byishimo bigomba kugararira Isi yose kandi bikagarazwa mu rukundo Uhoraho afitiye Mwene Muntu kandi n'ibyishimo yamuhangiye akabimutuzamo uko bikwiriye kandi akabimusendereza mu bubasha bwe.



IGITABO CY'IBYISHIMO

UMWANZURO

Ibyishimo ni ububengerane bukomoka mu Mana kandi ibyishimo nibyo Mwene Muntu yaremewe akaba ariyo mpamvu twese ab'ijuru kandi mu mbaraga za DATA n'ubutegetsi bwe bigomba kugaragarira mu Isi hose kandi ibyo byishimo bigafungura imiyoboro y'ububasha bw'Imana ku kiremwa muntu kuko ari igihe kigeze kugira ngo imbaraga z'ibyishimo byigaragarize muri buri wese kandi bitahe ku mutima wa buri wese nta kibisubiza inyuma kandi nta kibihagarika kuko ububasha bw'Imana bugomba kwigaragaza kandi bugakingurira buri wese izo mbaraga zikomeye zo kuba muri ubwo bwiza kandi zo kuba muri ibyo byishimo bikomoka mu Mana umugenga kandi umutegetsi wa byose.

Ibyishimo rero ni urufunguzo ruzafasha benshi kumenya imbaraga z'Uhoraho kandi kumenya urukundo bakunzwe ndetse n'ubutabazi bw'Imana isumba byose kuko bizigaragaza mu guha Mwene Muntu imbaraga kandi mu guha Mwene Muntu ububasha bukomeme bwo kongera kwizera kandi bwo kongera kwirekurira mu biganza by'Imana kuko bizagaragarira ibyo byishimo mu magorwa akomeye Uhoraho azanyuzamo Mwene Muntu kugira ngo amwereke ko ari we Mana kandi amwereke ko ari we murengezi wa byose ku buzima bwa Mwene muntu.



IGITABO CY'IBYISHIMO

Ibyishimo rero ni imbaraga zigomba gufungura ububasha bukomeye kandi zigomba gufungura koko ubumwe umuntu agomba kugirana n'Imana kandi ubumwe bugomba kugaragara hagati y'abana b'Imana mu byishimo bisendereye kandi mu bwizerane ndetse n'urukundo n'amahoro bigomba kuranga ibyiza by'ingoma y'Ijuru mu Isi hose kuko ibyishimo bigomba gufungura iyo miyoboro kandi bigafungura koko izo mbaraga zikomeye mu bumwe buturuka ku Mana kandi mu bumwe bwacu nk'abatagatifu mu kwihuza n'abari mu Isi kugira ngo tubahe ibyo byishimo kandi tubahe izo mbaraga z'urukundo rw'Imana.

**AMAHORO, AMAHORO! IBIHE BYIZA KUGUBWA NEZA,
NDI MUTAGATIFU CECILIA. AMAHORO, AMAHORO!**